Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
**Akarere ka Nyamagabe**

**N0.013./07.02.05**

Nyamagabe, kuwa .6/11/2025

**Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo**
**NYANZA**

**Impamvu**: Kohereza ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama

Madamu Guverineri,
Nejejwe no kubohererereza ku mugereka w'iyi baruwa ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye ku wa 27 Ukuboza 2024.

Mbashimiye uko mubyakira.

**UWAMAHORO Clotilde**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe
  **NYAMAGABE**

**,IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 27 UKUBOZA 2024.**

Ku wa 27 Ukuboza 2024, mu cyumba cy'Inama cy'Akarere ka Nyamagabe hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi wayo Madamu UWAMAHORO Clotilde.
Amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa wuzuye kugira ngo Inama Njyanama iterane, agasanga hitabiriye Abajyanama 15 kuri 17 bagize Inama Njyanama y'Akarere, Umuyobozi w'inama yatangije inama aranayiyobora.
Inama kandi yitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyamagabe, Umuyobozi w'Imirimo Rusange ku Karere, Abayobozi b'amashami hamwe na bamwe mu bakozi bakorera ku Karere ka Nyamagabe.
Umuyobozi w'inama yibukije abayitabiriye ingingo ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 30 Nzeri 2024.

2. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'akarere y'umwaka wa 2024-2025 n'ingamba zihari zo kuyihutisha.

3. Gusuzuma no kwemeza raporo z'ibikorwa z'abagize Komite Nyobozi mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2024-2025.

4. Gusuzuma no kwemeza ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'akarere y'umwaka wa 2024-2025 mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2024-2025.

5. Gusuzuma raporo y'itangwa ry'amasoko ya Leta mu mwaka wa 2024-2025 no kuyivugurura.

6. Gusuzuma no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

7. Kwemeza raporo ya Komite Ngenzuzi mu gihembwe mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2023-2024 na raporo y'imitangire y'amasoko n'imicungire y'amasezerano.

8. Gusuzuma no kwemeza raporo ya za Komisiyo zigize Inama Njyanama.

9. Gusuzuma ubusabe bw'isambu bwa Kanyamarere Janvier.

10. Kwemeza imishinga y'inyungu rusange.

11. Ibindi.

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 27 UKUBOZA 2024**

| Nº | INGINGO YIZWE | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZAGISHYIRA MU BIKORWA | IGIHE KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 30 Nzeri 2024. | Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 30 Nzeri 2024, yemejwe imaze gusomerwa mu ruhame no gukorerwa ubugororangingo. | Ubwumvikane busesuye | Inama Njyanama | Bitarenze iminsi itanu y'akazi |
| 2. | Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'akarere y'umwaka wa 2024-2025 n'ingamba zihari zo kuyihutisha. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025.<br><br>Inama Njyanama yasanze mu mihigo 133 Akarere gafite muri uyu mwaka, imihigo 114 ari yo yari iteganyijwe mu gihembwe cya mbere n'icya kabiri. Muri iyo mihigo Inama Njyanama yasanze imihigo 99 yareshejwe ku kigero cya 100%, imihigo 15 ntiragerwaho 100%, naho indi mihigo 19 ni yo ntitaratangira kuko itari iteganyijwe mu gihembwe cya mbere n'icya kabiri.<br><br>Inama Njyanama yasabye ko aho bishoboka mu minsi isigaye ngo igihembwe kirangire byashyirwamo imbaraga kugira ngo ikigero cy'ishyirwa mu bikorwa kiyongere. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 3. | Gusuzuma no kwemeza raporo z'ibikorwa z'abagize Komite Nyobozi mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2024-2025. | Umuyobozi w'Akarere n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Ubukungu bagejeje ku Nama Njyanama raporo y'ibikorwa bya buri umwe bijyanye n'inshingano ze, mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2024-2025.<br><br>* Inama Njyanama yashimye abagize Komite Nyobozi ku bikorwa bakoze, ibasaba kongera imbaraga mu gukurikirana by'umwihariko uruganda rw'ingano rwa Tare bashishikariza abafatanyabikorwa babonetse bashaka gutangira kurukoreramo.<br><br>Bagiriwe inama kandi yo gukorana na za Ministeri zose ndetse n'izindi nzego bireba kugira ngo uruganda rubashe gukora.<br><br>N.B: Inama Njyanama yanzuye ko Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza y'abaturage azashyikiriza Inama Njyanama itaha raporo y'ibikorwa bijyanye n'inshingano ze, mu mezi atandatu abanza kuko | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | atabonetse mu Inama Njyanama kubera izindi nshingano zihutirwa yari afite. | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 4. | Gusuzuma no kwemeza ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'akarere y'umwaka wa 2024-2025 mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2024-2025. | Umuyobozi w'Imirimo Rusange ku Karere yagejeje ku Nama Njyanama aho ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2024-2025 mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2024-2025 rigeze.<br><br>Inama Njyanama yasanze mu ngengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 ingana na miliyari mirongo itatu n'icyenda miriyoni Magana inani mirongo irindwi n'enye ibihumbi Magana arindwi na mirongo irindwi na bitanu n'amafaranga Magana arindwi na cumi n'abiri **(39,874,775,712Frw) hamaze gukoreshwa ingengo y'imari ingana na 42.79%,** aho mu ngengo y'imari isanzwe hamaze gukoreshwa angana na miliyari cumi n'ebyiri miliyoni Magana abiri mirongo ine n'icyenda ibihumbi Magana ane mirongo itanu na bine n'amafaranga ijana na mirongo itatu n'ane y'u Rwanda **(12,249,454,134 Frw)** bingana na **43.10%**<br><br>Mu ingengo y'imari igenewe ibikorwa by'iterambere hamaze gukoreshwa angana na | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | miriyari enye na miriyoni Magana inani na cumi n'eshatu n'ibihumbi mirongo icyenda n'icyenda n'amafaranga Magana atandatu na cumi y'u Rwanda **(4,813,099,610 Frw)** bingana na **42.03%**<br><br>Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere :<br><br>❖ Gushyira imbaraga mu iyinjizwa ry'amafaranga y'imisoro(own revenues) kugira ngo Akarere kabashe kwikemurira ibibazo;<br>❖ Kwihutira gutanga amasoko y'imishinga itaratangira hirindwa ubukererwe byabangamira kuyesereza ku gihe;<br>❖ Kugabanya amafaranga akoreshwa (revenues expenditures) hakoreshejwe amafaranga Akarere kiyinjiriza (Own revenues) mu rwego rwo kwirinda ibirarane by'abakozi b'Akarere n'Imirenge, ndetse n'abatanze serivisi ku Karere. | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 5. | Gusuzuma raporo y'itangwa ry'amasoko ya Leta mu mwaka wa 2024-2025 no kuyivugurura. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyamagabe yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'itangwa ry'amasoko mu mwaka wa 2024-2025.<br><br>Inama Njyanama yasanze mu masoko 72 yari ateganyijwe mu mwaka 2024-2025, amasoko 70 angana na 97.2% yamaze gutangwa, muri yo amasoko abiri akaba ari mu bujurire:<br><br>* Rehabilitation of Kibibi-Bwenda water supply system (6.4km) in Nyamagabe District;<br><br>* Rehabilitation of Remera-Muganza-Kiraro water supply system (28.1km) in Nyamagabe District.<br><br>Naho amasoko abiri (2) akaba ataratangwa: (kuvugurura stade ya NYAGISENYI ndetse na Supervision yayo. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yijeje Inama Njyanama ko inyigo yamaze gukorwa ku bufatanye na JADF ko hasigaye ko yemezwa amasoko agatangwa mu buryo bwihuse.<br><br>Inama Njyanama yashimye ko amasoko yari ateganyijwe yamaze gutangwa ku kigero gishimishije, isaba ko atarasinyirwa amasezerano byakwihutishwa kugira ngo atangire gushyirwa mu bikorwa. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Inama Njyanama kandi yasuzumye ubusabe bw'ivugurura ry'itangwa ry'amasoko ya Leta kugira ngo hongerwemo amashya.<br><br>Hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri n° 001/23/10/TC ryo ku wa 10/10/2023 rishyiraho amabwiriza agenga amasoko ya Leta, mu ngingo yaryo iya 33, igika cya 1&2 zivuga ibijyanye no kuvugurura igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta, Inama Njyanama yemeje itangwa ry'amasoko ya Leta rivuguruye y'umwaka wa 2024-2025, aho ku masoko yari ateganyijwe hiyongereyeho amasoko 14 yose hamwe akaba amasoko 86 avuye ku masoko 72. Amasoko yiyongereyeho ni aya akurikira:<br><br>1. Feasibility study of Tare TVET under Jyambere project<br><br>2. Construction of Tare TVET under Jyambere project<br><br>3. Construction of Kariba-Jenda-Masizi Wss in MUSANGE. | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | 4. Supervision of Kariba-Jenda-Masizi Wss<br>5. Construction of Mukufi-Mutakara wss Mugano musange<br>6. Supervision of Mukufi-Mutakara wss<br>7. Ruhondo-Yonde Wss in Mugano sector<br>8. Supervision of Ruhondo –yonde wss.<br>9. Wabashanga-Mukongoro Wss in Buruhukiro and Gatare<br>10. Supervision of wabashanga –mukongoro wss.<br>11. Construction of toilet at difference school in Nyamagabe District<br>12. Construction of rainwater at difference school in Nyamagabe District<br>13. Construction of girl's room at difference school in Nyamagabe District | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | 14. Material used in the building that will be maintained by the District of Vulnerable Survivors for Genocide against Tutsi in 1994. | | | |
| 6. | Gusuzuma no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta. | Inama Njyanama yagejejweho ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, isanga mu nama 50 zatanzwe na AG, inama 31 zarashyizwe mu bikorwa, inama zirindwi (7) zasanzwe ko zirenze ubushobozi bw'Akarere (Beyond the District level), byose bingana na 72%.<br><br>* Inama Njyanama yibukije Komite Nyobozi ko buri cyumweru hajya hatangwa raporo y'ikimaze gukorwa kuri buri nama, bikozwe n'uwo iyo raporo ireba. Iyo raporo ikajya yongerwa muri file ya buri nama yatanzwe kandi Komite Nyobozi ikagena uko hajya hagenzurwa ibiri muri buri file.<br><br>* Kugira inama ngufi buri munsi hifashishijwe ikoranabuhanga, buri wese ufite 'finding' imureba, agasobanura ikimaze gukorwa kuri buri nama yatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Guhera ku wa 30 Ukuboza 2024 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 7. | Kwemeza raporo ya Komite Ngenzuzi mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2023-2024 na raporo y'imitangire y'amasoko n'imicungire y'amasezerano | Inama Njyanama yemeje Raporo ya Komite Ngenzuzi mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2023-2024 na raporo y'imitangire y'amasoko n'imicungire y'amasezerano.<br><br>Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi ibi bikurikira:<br><br>* Gushishikariza ibigo nderabuzima kuzamura amafaranga ya 'ticket moderateur' yose uko bayakiriye kandi ku gihe.<br><br>* Kongera imbaraga mu micungire y'amasezerano, hakubahirizwa ibikubiye mu masezerano kandi akanama gashinzwe gucunga amasezerano kakuzuzwa, kagahugurwa kakuzuza inshingano uko bikwiye. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bitarenze ku wa |
| 8. | Gusuzuma no kwemeza raporo ya za Komisiyo zigize Inama Njyanama. | Inama Njyanama yemeje raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza, iya Komisiyo y'Iterambere ry'imibereho Myiza y'Abaturage n'iya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu z'amezi atatu: Ukwakira, Ugushyingo n'Ukuboza 2024. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Kuri raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza, Inama Njyanama yemeje imyanzuro ikurikira:<br>❖ Ubuyobozi bw'Akarere burasabwa gukurikirana ikorwa n'inozwa ry'urutonde rw'abasoreshwa mu Karere;<br>❖ Gukora ubukangurambaga ku bumwe n'ubudaheranwa binyuze mu nteko n'amahuriro mu byiciro binyuranye bihuza abaturage.<br>❖ Gukoresha neza sisitemu ishyirwamo ibibazo by'abaturage byakiriwe (*e-citizen*) ndetse no guhugura abo ireba ku nzego zitandukanye kugira ngo ikoreshwe neza;<br><br>Kuri Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage, Inama Njyanama yemeje imyanzuro ikurikira:<br>❖ Ikibazo cy'abakozi b'abaforomo bake, ikibazo cy'uko poste de sante itabasha gukora uko bikwiye bitewe n'icyo kibazo cy'abakozi bake, abajyanama basabye ko | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | ubuyobozi bw'Akarere bwakomeza gushakisha igisubizo kuri iki kibazo gikomeje kuvugwa mu bigo Nderabuzima cy'abakozi bake.<br>❖ Gukurikiranira hafi imikorere y'Ibigo by'Amashuri hakimakazwa umuco w'isuku muri buri kigo.<br>❖ Gufasha urubyiruko ruhabwa ibikoresho byo gukoresha nyuma yo kurangiza imyuga itandukanye bakabanza guhuzwa n'amahirwe aboneka iwabo (Guhuzwa n'abandi bakora ibimeze nk'ibyo bize)<br><br>Inama Njyanama yemeje imyanzuro ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'ubukungu ikurikira:<br><br>❖ Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukomeza gukurikirana imishinga ya CIDAT ahateganyijwe amaterasi hose agakorwa ku gihe<br>❖ Gusaba SACCO kujya bihutisha guhemba abaturage bakoze mu materasi<br>❖ Gufasha abaturage kubona vuba ifumbire y'imborera n'ishwagara kugira ngo amaterasi azahingwemo muri season B. | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 9. | Gusuzuma ubusabe bw'isambu bwa Kanyamarere Janvier. | Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo yemeje ko iki kibazo kizasuzumwa na Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ifatanyije n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere, kugira ngo bagisesengure byimbitse, raporo yacyo ikazashyikiriza Inama Njyanama itaha | Ubwumvikane busesuye | Komisiyo y'Imiyoborere Myiza n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'akarere. | Bikimara kwemezwa |
| 10. | Kwemeza imishinga y'inyungu rusange. | Inama Njyanama yemeje ko imishinga ikurikira ari imishinga y'inyungu rusange:<br>* Kubaka umuyoboro w'amazi wa Kariba- Jenda-Masizi mu murenge wa Musange.<br>* Umuyoboro w'amazi wa Wabashanga - Mukongoro mu murenge wa Buruhukiro na Gatare.<br>* Kwishyura ingurane ku myaka y'umuturage yangijwe hubakwa Inzu y'ababyeyi ya Nyarwungo mu murenge wa Nkomane. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |
| 11. | Ibindi. | * Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Ubukungu yagejeje ku Nama Njyanama uko umutekano uhagaze mu Karere n'ingamba zo | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | kuwusigasira mu minsi mikuru. Yavuze ko muri rusange umutekano uhagaze neza mu karere hose.<br><br>* Ku bijyanye n'ubumwe n'ubudaheranwa, Umuyobozi w'Akarere wungirije yabwiye Inama Njyanama ko mu karere ka Nyamagabe hatanzwe ubutumwa bw'ubumwe n'ubudaheranwa kuva ku rwego rw'akarere no ku mirenge, mu rwego rwo kurushaho kubaka ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda.<br><br>Yavuze ko hari case ebyiri zikurikiranywe ku kuba haba ari ingengabitekerezo ya Jenoside, imwe n'iyo mu murenge wa Mushubi, indi n'iyo mu murenge wa Mbazi. Ababigizemo uruhare bari mu maboko y'Urwego rw'Ubugenzacyaha.<br><br>Ikindi ni imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi ikomeza kugenda iboneka mu Murenge wa Mbazi, hari benshi bakurikiranywe, ubuyobozi bwegera abaturage bubahumuriza ndetse hatangwa n'ubutumwa bubashishikariza gutanga amakuru ku | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | mibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro.<br><br>Muri rusange mu buyobozi n'abakozi nta kibazo kiragaragara cy'ingengabitekerezo. | | | |

Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo saa yine n'iminota mirongo itatu (10:30') iyirangiza saa kumi n'iminota cumi n'itanu (16:15').

**Umwanditsi w'Inama**

Digitally signed by Abraham UWIMANA
Date: 2025.01.06
17:35:41 +02'00'

**UWIMANA Abraham**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Nyamagabe

**Umuyobozi w'inama**

**UWAMAHORO Clotilde**

Umuyobozi w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Nyamagabe

INAMA NJYANAMA AKARERE KA NYAMAGABE

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
**Akarere ka Nyamagabe**

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA BAGIZE INAMA NJYANAMA BITABIRIYE INAMA NJYANAMA ISANZWE YABAHUJE KU WA 27/12/2024**

| NO | AMAZINA | IGITSINA | E-MAIL | TELEFONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 01 | BIZIMANA Evariste | M | bizimanaevariste8@gmail.com | 0788525153 | [signature] |
| 02 | UWAMAHORO Clotilde | F | cuwamahoro@nyam gov.rw | 0788469119 | [signature] |
| 03 | UWIMANA Abraham | M | [illegible] @ gmail.com | 0781145405 | [signature] |
| 04 | KAMBAYIRE Félicité | F | fkambayire5@gmail.com | 0788566034 | [signature] |
| 05 | KABANDANA Louis | M | kabandana5@yahoo.fr | 0788571929 | [signature] |
| 06 | MUJAWAYEZU M. Louise | F | mujawayezu@gmail.com | 0785533036 | [signature] |

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
**Akarere ka Nyamagabe**

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA BAGIZE INAMA NJYANAMA BITABIRIYE INAMA NJYANAMA ISANZWE YABAHUJE KU WA 27/12/2024**

| NO | AMAZINA | IGITSINA | E-MAIL | TELEFONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 07. | MUNYENTARAMA Anastase | M | munyentaramaanastase@gmail.com | 0783679692 | [signature] |
| 08. | Hildebrand Niyomwungeri | M | mayor@nyamagabe.gov.rw | 0783093715 | [signature] |
| 09 | Me MUNYEMANA G. Pascal | M | munypascoc@gmail.com | 0788303805 | [signature] |
| 10 | Marie Thérèse NYIRANTAGORAMA | F | mamancarleme@gmail.com | 0783288804 | [signature] |
| 11. | Gilbert NSHIMIYIMANA | M | gilbertnshimiyimana22@gmail.com | 0781439960 | [signature] |
| 12 | NIZEYIMBABAZI Jado D. | M. | juizeyimbabazi@gmail.com | 0788448869 | [signature] |

Repubulika y'u Rwanda

Intara y'Amajyepfo

**Akarere ka Nyamagabe**

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA BAGIZE INAMA NJYANAMA BITABIRIYE INAMA NJYANAMA ISANZWE YABAHUJE KU WA 27/12/2024**

| NO | AMAZINA | IGITSINA | E-MAIL | TELEFONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 13. | NIYONSABA Nadia | F | nsaba2025@gmail.com | 0785715118 | [signature] |
| 14. | UMUMARARUNGU Béatha | F | Uumumararungu.Brea@redcross.org.rw | 0788403314 | [signature] |
| 15 | HABIMANA Théoblé | M | habimatha@gmail.com | 0788601031 | [signature] |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |

**MEMO**

**<u>BIRAJYA</u>: Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe**

**<u>BIRAVA</u>: Umukozi Ushinzwe Igenagaciro**

**<u>BINYUJIJWE</u>: Umuyobozi w'Ishami rya OSC**

**Tariki: ..15.. /..12.. /2024**

**<u>IMPAMVU</u>: Kubagezaho imishinga izakenera kwimura Abantu ku mpamvu z'inyungu Rusange mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2024-2025 kugira ngo yemezwe n'Inama Njyanama .**

Mbandikiye iyi baruwa ngira ngo mbagezeho ku mugereka wayo urutonde rw'imishinga izakenera kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2024-2025 mu Karere ka Nyamagabe kugira ngo yemezwe n'Inama Njyanama y'Akarere nkuko amategeko abiteganya. Ku mugereka murahasanga inyandiko igaragaza iyo mishinga, aho izakorerwa n'ingengo y'imari iteganyijwe kuzatwara.

Mbashimiye uko mubyakiriye.

**GATO Dan**
Umukozi Ushinzwe Igenagaciro mu Karere ka Nyamagabe

## URUTONDE RW'IMISHINGAY'INYUNGU RUSANGE MU NGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA W'IMIHIGO WA 2024-2025

| SN | UMUSHINGA | INGANO Y'UMUSHINGA | AHO UMUSHINGA UHEREREYE | AMAFARANGA AZISHYURA IMITUNGO IZANGIZWA | UZISHYURA INGURANE |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Construction of Kariba-Jenda-Masizi Water supply system | To be identified | Musange Sector | 10,000,000Frw | NYAMAGABE District |
| 2 | Construction of Wabashanga-Mukongoro Water supply system | To be identified | Buruhukiro and Gatare Sector | 10,000,000Frw | NYAMAGABE District |
| 3 | Kwishyura umuturage Uzangirizwa hubakwa Nyarwungo maternity | To be identified | Nkomane Sector | 126,000Frw | NYAMAGABE District |
| **General Total** | | | | **20,126,000 Frw** | |

**Prepared on 18/12/2024 by:**

**GATO Dan**

Land Valuation Officer

**Approved by:**

**NIYOMWUNGERI Hildebrand**

Mayor of Nyamagabe District

**Verfied at the first level by:**

**NTAWIHEBA Viateur** for

Director of IOSC Nyamagabe District

**Verfied at the second level by:**

**HABIMANA Thadée**

V/M FED Nyamagabe District